

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°115/03 RYO KU WA 25/06/2015 RIGENA
URWEGO RUTANGA URUHUSHYA RWO
GUSARURA ISHYAMBA RYA LETA
N'UBURYO BIKORWA

PRIME MINISTER'S ORDER N°115/03
OF 25/06/2015 DETERMINING THE
ORGAN ISSUING A STATE FOREST
HARVESTING LICENSE AND
MODALITIES FOR ITS ISSUANCE

ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°115/03 DU 25/06/2015
DETERMINANT L'AUTORITE QUI
OCTROIE LE PERMIS DE RECOLTE
D'UNE FORET DE L'ETAT ET LES
MODALITES DE SON OCTROI

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Urwego rutanga uruhushya

UMUTWE WA II: ITANGWA
RY'URUHUSHYA

Ingingo ya 3: Uburyo bwo gutanga uruhushya

Ingingo ya 4: Amabwiriza agenga ipiganwa

Ingingo ya 5: Imiterere y'uruhushya

Ingingo ya 6: Amasezerano yo gusarura
ishyamba rya Leta

Ingingo ya 7: Ibikubiye mu masezerano

Ingingo ya 8: Kwishyura uruhushya rwo
gusarura

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Organ that issues the license

CHAPTER II: GRANTING OF A
LICENSE

Article 3: Modality for the issuance of the
license

Article 4: Instructions of open competition

Article 5: License format

Article 6: Contract for harvesting a State
forest

Article 7: Contents of the contract

Article 8: Payment of the harvesting license

CHAPITRE PREMIERE:
DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Organe qui octroie le permis

CHAPITRE II: OCTROIE D'UN
PERMIS

Article 3: Modalités d'octroi du permis

Article 4: Instructions régissant le
concours public

Article 5: Format du permis

Article 6: Contrat de récolte d'une forêt
de l'Etat

Article 7: Contenus du contrat

Article 8: Paiement du permis de récolte

Ingingo ya 9: Gusarura ishyamba rya Leta nta genamigambi rihari

Article 9: Harvesting a State forest without management plan

Article 9: Récolte d'une forêt de l'Etat sans plan d'aménagement

UMUTWE WA III: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER III: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE III: DISPOSITION TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 10: Uruhushya rwatanzwe mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 10: License issued before the commencement of this Order

Article 10: Permis octroyé avant l'entrée en vigueur du présent arrêté

Ingingo ya 11: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 11: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 11: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 12: Repealing provision

Article 12: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 13: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 13: Commencement

Article 13: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°115/03 RYO KU WA 25/06/2015
RIGENA URWEGO RUTANGA
URUHUSHYA RWO GUSARURA
ISHYAMBA RYA LETA N'UBURYO
BIKORWA**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°115/03
OF 25/06/2015 DETERMINING THE
ORGAN ISSUING A STATE FOREST
HARVESTING LICENSE AND
MODALITIES FOR ITS ISSUANCE**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°115/03 DU 25/06/2015
DETERMINANT L'ORGANE QUI
OCTROIE LE PERMIS DE RECOLTE
D'UNE FORET DE L'ETAT ET LES
MODALITES D'OCTROI**

Minisitiri w'Intebe;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 119, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 47bis/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rigena imicungire n'imikoreshereze y'amashyamba mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 53;

Bisabwe na Minisitiri w'Umutungo Kamere;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 13/02/2015, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena urwego rutanga uruhushya rwo

The Prime Minister;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 119, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 47bis/2013 of 28/06/2013 determining the management and utilization of forests in Rwanda, especially in Article 53 ;

Upon proposal by the Minister of Natural Resources;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 13/02/2015;

HEREBY ORDERS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION

Article One: Purpose of this Order

This Order determines the organ that issues a

Le Premier Ministre ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118,119, 121 et 201 ;

Vu la Loi n° 47bis/2013 du 28/06/2013 régissant la gestion et l'utilisation des forêts au Rwanda, spécialement en son article 53 ;

Sur proposition du Ministre des Ressources Naturelles;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 13/02/2015;

ARRETE :

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine l'organe qui

Official Gazette n°27 of 06/07/2015

gusarura ishyamba rya Leta n'uburyo bikorwa.

State forest harvesting license and modalities for its issuance.

octroie le permis de récolter une forêt de l'Etat et les modalités de son octroie.

Ingingo ya 2: Urwego rutanga uruhushya

Article 2: Organ that issues the license

Article 2: L'organe qui octroie le permis

Ikigo gifite imicungire y'amashyamba mu nshingano zacyo ni rwo rwego rutanga uruhushya rwo gusarura ishyamba rya Leta.

The Authority in charge of forests management shall be the organ in charge of issuing the State forest harvesting license.

L'Office ayant la gestion des forêts dans ses attributions est l'organe qui octroie le permis de récolte d'une forêt de l'Etat.

UMUTWE WA II: ITANGWA RY'URUHUSHYA

CHAPTER II: GRANTING OF A LICENSE

CHAPITRE II: OCTROIE D'UN PERMIS

Ingingo ya 3: Uburyo bwo gutanga uruhushya

Article 3: Modality for the issuance of the license

Article 3: Modalités d'octroi du permis

Uruhushya rwo gusarura ishyamba rya Leta rutangwa binyujijwe mu buryo bw'ipiganwa ryeruye ritegurwa n'Ikigo gifite imicungire y'amashyamba mu nshingano zacyo.

A State forest harvesting license shall be issued through an open competition organized by the Authority in charge of forest management.

Le permis de récolte d'une forêt de l'Etat est octroyé par voie de concours public organisé par l'Office ayant la gestion des forêts dans ses attributions.

Ingingo ya 4: Amabwiriza agenga ipiganwa

Article 4: Instructions of open competition

Article 4: Instructions régissant le concours public

Umuyobozi w'Ikigo gifite amashyamba mu nshingano zacyo ashiraho amabwiriza agenga ipiganwa ryo gusarura ishyamba rya Leta cyangwa kugura igiti kimwe cyangwa byinshi bya Leta.

The Director General of the Authority in charge of forest management shall issue instructions governing open competition of harvesting a State forest or one or more trees belonging to the State.

Le Directeur Général de l'Office ayant les forêts dans ses attributions donne des instructions régissant le concours public relatif à la récolte d'une forêt de l'Etat ou la vente d'un ou plusieurs arbres appartenant à l'Etat.

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 3 y'iri teka, uruhushya rwo gusarura ishyamba rya Leta rushobora gutangwa ku rwego rwa Leta gusa bitanyuze mu ipiganwa ku mpamvu z'inyungu rusange.

Without prejudice to Article 3 of this Order, a State forest harvesting license may be issued without public competition only to a public institution in case of public interest.

Sans préjudice à l'article 3 du présent article, le permis de récolte d'une forêt de l'Etat peut être octroyé sans concours public aux institutions publiques seulement pour des raisons d'intérêt.

Ingingo ya 5: Imiterere y’uruhushya

Ikigo gifite amashyamba mu nshingano zacyo kigena imiterere y’uruhushya rwo gusarura ishyamba rya Leta n’ibirukubiyemo.

Ingingo ya 6: Amasezerano yo gusarura ishyamba rya Leta

Iyo bibaye ngombwa, Ikigo gifite amashyamba mu nshingano zacyo kigirana amasezerano n’uwatsindiye isoko ryo gusarura ishyamba rya Leta.

Ingingo ya 7: Ibikubiye mu masezerano

Amasezerano yo gusarura ishyamba rya Leta agaragaza nibura ibi bikurikira:

- 1° umwirondoro w’ishyamba;
- 2° igihe uruhushya ruzamara;
- 3° ibikoresho bizakoreshwa mu gusarura cyangwa gutema ibiti;
- 4° uburyo bwo gusarura;
- 5° ingano y’ibiti bigomba gusarurwa n’ubuso bw’ishyamba;
- 6° inshingano z’abagiranye amasezerano;
- 7° uburyo bwo kurinda umutekano w’aho ishyamba risarurirwa no kwishingira ibyakwangizwa n’ibiti bigiye gusarurwa;

Article 5: License format

The Authority in charge of forest management shall determine the format and the content of a State forest harvesting license.

Article 6: Contract for harvesting a state forest

If necessary, the Authority in charge of forests concludes a contract with the successful bidder who is awarded the tender of harvesting a state forest.

Article 7: Contents of the contract

A State forest harvesting contract shall specify at least the following:

- 1° forest identification;
- 2° validity of license;
- 3° tools to be used during the tree harvesting;
- 4° harvesting procedures;
- 5° quantity of trees to be harvested and the surface area of the forest;
- 6° responsibilities of parties to the contract;
- 7° safety measures to safeguard the area where the harvesting is conducted and liabilities accrued from damages that may

Article 5: Format du permis

L’Office ayant les forêts dans ses attributions détermine le format et le contenu du permis de récolte d’une forêt de l’Etat.

Article 6: Contrat de récolte d’une forêt de l’Etat

S’il s’avère nécessaire, l’autorité ayant les forêts dans ses attributions signe un contrat avec l’attributaire du marché de récolte d’une forêt de l’Etat.

Article 7: Contenu du contrat

Le contrat de récolte d’une forêt de l’Etat précise au moins ce qui suit:

- 1° identification de la forêt ;
- 2° période de validité du permis ;
- 3° outils qui seront utilisés dans la récolte des arbres;
- 4° modalités de récolte ;
- 5° quantité d’arbres à récolter et la superficie de la forêt;
- 6° obligations des parties au contrat ;
- 7° les mesures de sécurités sur l’endroit de récolte et la responsabilité liée au dommage pouvant résulter de la récolte;

be caused by the harvest;

8° imirimo izakorwa nyuma yo gusarura hagamijwe gutunganya ahasaruwe.

8° post harvesting activities.

8° les travaux post récolte.

Ingingo ya 8: Kwishyura uruhushya rwo gusarura

Uwatsindiye isoko ryo gusarura ishyamba ryose, igice cyaryo cyangwa ibiti bimwe na bimwe agomba kwishyura amafaranga yose yumvikanyweho mbere y'uko ahabwa uruhushya.

Article 8: Payment for the harvesting license

A person who is awarded to have tender for harvesting the whole state forest, its part or some trees, must pay the total amount agreed upon before being granted the license.

Article 8: Paiement du permis de récolte

L'attributaire du marché pour la récolte de la forêt entière, une partie de la forêt ou certains arbres doit payer le montant total convenu avant que le permis lui soit octroyé.

Ingingo ya 9: Gusarura ishyamba rya Leta ridafite igenamigambi

Ishyamba rya Leta rigeze igihe cyo gusarurwa ariko rikaba ridafite igenamigambi ryo kuritunganya risarurwa hakurikijwe raporo ikorwa n'abatekinisiye mu by'amashyamba bo mu Kigo gifite amashyamba mu nshingano.

Article 9: Harvesting a State forest without a management plan

Any State forest at the harvesting period but without a management plan shall be harvested on the basis of a report of forest professionals from the Authority in charge of forests.

Article 9: Récolte d'une forêt de l'Etat sans plan d'aménagement

Une forêt de l'Etat en état d'être récoltée mais pour laquelle il n'y a pas de plan d'aménagement est récoltée sur base d'un rapport rédigé par les techniciens de l'Office ayant les forêts dans ses attributions.

Iyo raporo igomba kugaragaza ibi bikurikira:

Such report must specify the following:

Ce rapport doit mentionner ce qui suit:

1° umwirondoro w'iryo shyamba;

1° forest identification;

1° identification de la forêt ;

2° impamvu ishyamba rigomba gusarurwa;

2° reasons for the harvesting;

2° les raisons pour lesquelles la forêt doit être récoltée ;

3° imiterere y'ishyamba, ubwoko bw'ibiti byiganjemo, ubuso bwaryo n'igihe ryaterewe;

3° forest status, the dominant trees, its surface and period of plantation;

3° l'état de la forêt, les arbres dominant, sa surface et la période de plantation ;

4° ikigereranyo cy'umusaruro uzavamo;

4° estimated value of the production;

4° la valeur estimative de la production ;

5° imirimo izakorwa nyuma yo gusarura.

5° post harvesting activities.

5° les travaux post récolte.

UMUTWE WA III: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER III: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE III: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 10: Uruhushya rwatanzwe mbere y'uko iri teka ritangira gukurikizwa

Uruhushya rwose rwatanzwe mbere y'uko iri teka ritangira gukurikizwa rugumana agaciro karwo kugeza igihe rurangiriye.

Ubusabe butarafatwaho icyemezo mu gihe iri teka ritangiye gukurikizwa, busuzumwa hubahirijwe ibiteganywa n'iri teka.

Ingingo ya 11: Abashinzwe kubahirizwa iri teka

Minisitiri ufite Umutungo Kamere mu nshingano ze asabwe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 13: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 25/06/2015

Article 10: A license issued before the commencement of this Order

A license issued before the coming into force of this Order shall remain valid until the expiration of its period of validity.

Pending applications at the time of coming into force of this Order shall be considered in accordance with the provisions of this Order.

Article 11: Authorities responsible for implementation of this Order

The Minister in charge of Natural Resources is entrusted with the implementation of this Order.

Article 12: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 13: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 25/06/2015

Article 10: Permis octroyé avant l'entrée en vigueur du présent arrêté

Tout permis qui a été octroyé avant l'entrée en vigueur du présent arrêté reste valide jusqu'à l'expiration de sa durée de validité.

Les demandes pendantes au moment de l'entrée en vigueur du présent arrêté sont examinées conformément aux dispositions du présent arrêté.

Article 11: Autorités chargées de suivi de l'exécution et le respect du présent arrêté

Le Ministre ayant les Ressources Naturelles dans ses attributions est chargé de l'exécution du présent arrêté.

Article 12: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 13: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 25/06/2015

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)
Dr. BIRUTA Vincent
Minisitiri w'Umutungo Kamere

(sé)
Dr. BIRUTA Vincent
Minister of Natural Resources

(sé)
Dr. BIRUTA Vincent
Ministre des Ressources Naturelles

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des sceaux